INTANGIRIRO

Akarere ka Ruhango ni kamwe mu Turere 8 tugize Intara y'Amajyepfo, gafite ubuso bwa km^2 626.8, gatuwe n'abaturage 271 809 bari ku bucukike bwa 450.7/km^2. Kagizwe n'Imirenge 9, Utugari 59 n'imidugudu 533.

Iki gitabo gikubiyemo ibikorwa by'imihigo y'Akarere ka Ruhango mu mwaka wa 2011 -2012. Ibikorwa bizibandwaho bishingiye ku ngamba z'iterambere ry'Akarere kandi bihindura imibereho y'abaturage .Hashingiwe kandi ku myanzuro y'umwiherero w'abayobozi bakuru b'Igihugu na Gahunda ya Guverinema y'Imyaka irindwi.

Iyi mihigo iteganijwe gushyirwa mu bikorwa kuva muri Nyakanga 2011 kugeza muri Kamena 2012.

Ibikorwa byateganijwe mu mihigo bikubiye mu nkingi enye zigize gahunda ya Guverinoma zikurikira:

- Ubukungu;
- Imibereho myiza;
- Imiyoborere myiza;
- Ubutabera.

Mu bikorwa bikubiye mu mihigo y'Akarere ka Ruhango mu mwaka wa 2011 -2012, hagaragaramo ibikorwa bizateza imbere abaturage bibaha akazi, hazubakwa ibitaro, ivuriro n'Ikigo nderabuzima hagamijwe kwita ku buzima bw'abaturage, hazongerwa imbaraga mu guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi no kongerera agaciro umusaruro cyane ko umubare munini w'abaturage uri muri icyo cyiciro, hazitabwaho isuku,Guha uburanga Umujyi, kuringaniza imbyaro hazatangwa serivisi nziza harwanywa akarengane kandi iterambere rizitabwaho hatangwa amazi n'amashanyarazi ku baturage.Ibi byose bizakorwa hanozwa Imiturire nk'uburyo buzafasha kwihutisha Iterambere.

Kugirango ibi bikorwa bizagerweho hazibandwa ku guteza imbere umuco wo gukorera hamwe, kunoza iteganyabikorwa, ikurikiranabikorwa n'isuzumabikorwa hagamijwe kwihutisha iterambere.

IMIHIGO Y'AKARERE KA RUHANGO NYAKANGA 2011 – KAMENA 2012

SN	Intego (Objective)	Ikigamijwe (Out put)	Igipimo (Indicator)	Intangiriro (Base line)	Umuhigo (Target)	Ingengabihe (Time frame)	Uburyo bizasuzumwa (Means of verification)	Ingengo y'imali(Budget)	Aho izava (Source of funds)
I.UBUKUNGU									
I.1 GUTEZA IMBERE UMUJYI (URBANIZATION)									
1	Kongera Ibikorwa remezo mu mujyi wa Ruhango	Kubaka imihanda y'amabuye mu mujyi wa Ruhango	Uburebure bw'imihanda y'amabuye yubatswe	Hakozwe Inyigo n'amasezerano yo kubaka imihanda y'amabuye mu mujyi wa Ruhango	Imihanda y'amabuye izaba yubatswe kuri km 2.9 mu Mujyi wa Ruhango	Nyakanga 2011-Werurwe 2012	Raporo yo kwakira imirimo by'agateganyo, amasezerano no gusura imihanda yubatswe	516,921,240	RDLSF
2		Kubaka Isoko rya Ruhango phase ya III	Inyubako y'isoko rya Ruhango yuzuye neza	Inyubako za phase I,II zuzuye	Kurangiza inyubako y'isoko rya ruhango Phase III	Nyakanga 2011-Kamena 2012	Raporo y'ikurikirana bikorwa na raporo yo kwakira imirimo by'agateganyo	220,000,000	RDLSF
3	Guteza imbere isuku	Kubaka ikimoteri rusange mu Nkengero z'umujyi wa Ruhango	Inyigo y'Ikimoteri rusange yakozwe	Nta nyigo y'ikimoteri ihari	Gukoresha inyigo y'ikimoteri rusange mu nkengero z'umujyi wa Ruhango	Nyakanga 2011-Ukuboza 2011	Raporo igaragaza inyigo yakozwe	5,000,000	Akarere

SN	Intego (Objective)	Ikigamijwe (Out put)	Igipimo (Indicator)	Intangiriro (Base line)	Umuhigo (Target)	Ingengabihe (Time frame)	Uburyo bizasuzumwa (Means of verification)	Ingengo y'imali(Budget)	Aho izava (Source of funds)
4	Kunoza isura nyaburanga y'umujyi wa Ruhango (beautification)	Kurimbisha umujyi.	Inyigo yo kurimbisha Umujyi n'ibiti bitewe	Ubusitani ku nyubako z'ubuyobozi, amashuri n'amavuriro	Gukora inyigo yo kurimbisha umujyi no gutera ibiti 514 by'imirimbo	Ukwakira2011-kamena 2012	Gusura ibikorwa byakozwe na raporo y'inyigo	11,500,000	NAFA & District
I.2. IBIKORWA REMEZO									
5	Kugeza amazi meza ku baturage	Kubaka umuyoboro w'amazi	Uburebure bw'umuyoboro w'amazi wubatswe	Hakozwe inyigo yo kubaka umuyoboro w'amazi kuri km 13,6 (Kirengeli, Ntenyo, gahengeli n'Umudugudu wa Mbuye).	Kubaka umuyoboro w'amazi wa km 13,6 ukazafasha abaturage 3000 kubona amazi meza	Nyakanga 2011- Mata 2012	Raporo y'ibikorwa byakozwe,amasezerano no Gusura ibikorwa	145,680,560	PEAMR
6	Guteza imbere ubucuruzi	Kubaka iguriro(selling point)	Umubare w'amaguriro yubatswe	0	Hazubakwa iguriro ry'Imyaka muri Ntenyo	Nzeri 2011 - Kamena 2012	Iguriro rirahari,Raporo y'iyakira ry'agateganyo	30.000.000	MINICOM
7		Kubaka ibagiro ry'amatungo mu mujyi wa Ruhango	Inyigo yo kubaka ibagiro yakozwe	Hari ibagiro rishaje	Gukora inyigo yo kubaka ibagiro ry'amatungo	Nyakanga2011-Ukuboza 2011	Raporo y'inyigo yakozwe	4,000,000	MINAGRI

SN	Intego (Objective)	Ikigamijwe (Out put)	Igipimo (Indicator)	Intangiriro (Base line)	Umuhigo (Target)	Ingengabihe (Time frame)	Uburyo bizasuzumwa (Means of verification)	Ingengo y'imali(Budget)	Aho izava (Source of funds)
8	Kwegereza abaturage serivisi z'ubuzima	Kubaka ikigo nderabuzima cya Mwendo	Inyubako z'Ikigo nderabuzima cya Mwendo zuzuye	Imirimo yaratangiye ubu igeze kuri fondation	Kurangiza inyubako z'ikigo nderabuzima cya Mwendo	Nyakanga 2011-Werurwe 2012	Raporo igaragaza ibikorwa bimaze gukorwa,amase zerano no Gusura ibikorwa	353,707,195	RDLSF
9		Kubaka ibitaro bya Ntongwe	Inyubako z'ibitaro bya Ntongwe zuzuye	Imirimo igeze ku isakaro	Kubufatanye na MINISANTE hazarangizwa inyubako z'ibitaro bya Ntongwe	Nyakanga 2011-Ugushyingo 2012	Raporo igaragaza ibikorwa bimaze gukorwa no Gusura ibikorwa	5,514,863,266	MINISANTE
I.3 ITERAMBERE RY'ICYARO (RURAL TRANSFORMATION)									
I.3.1 ISHORAMARI									
10	Kongerera agaciro umusaruro ukomoka ku buhinzi	Kubaka uruganda rutunganya umusaruro ukomoka ku buhinzi	Umubare w'inganda zubatswe	Imirimo y'uruganda rw'Imyumbati igeze kuri 40%	Ku bufatanye na BRD Inyubako y'uruganda rutunganya imyumbati izaba yuzuye	Nyakanga 2011-Kamena2012	Raporo y'ikurikiranabikorwa	5,000,000,000	BRD

SN	Intego (Objective)	Ikigamijwe (Out put)	Igipimo (Indicator)	Intangiriro (Base line)	Umuhigo (Target)	Ingengabihe (Time frame)	Uburyo bizasuzumwa (Means of verification)	Ingengo y'imali(Budget)	Aho izava (Source of funds)
11		Gutunganya umusaruro w'umuceri	Ingano y'umusaruro w'umuceri utunganije	Inyubako y'uruganda n'imashini birahari	Ku bufatanye na AAA Uruganda rw'umuceri rwa gafunzo ruzaba rukora	Nzeri 2011-Ukuboza 2012	Ingano y'umuceri watunganijwe kuruganda no gusura uruganda		Agro-Action allemande
1.3.2.UBUHINZI									
12	Kongera umusaruro w'ubuhinzi	Guhinga ibihingwa byatoranijwe ku buso buhurijwe hamwe	Ubuso bw'ibihingwa bihinzwe mu buryo buhurijwe hamwe	Imyumbati ihinze kuri ha 8953	Imyumbati izahingwa kuri ha 10501	Nyakanga 2011-Kamena2012	Raporo y'ubuhinzi	6,000,000	MINAGRI
13				Ibishyimbo bihinze kuri ha 10673	ibishyimbo bizahingwa kuri ha 15 227	Nyakanga 2011-Kamena2012 (2011C, 2012A, na 2012B)			MINAGRI
14				ibigori bihinze kuri ha 1626	ibigori bizahingwa kuri ha 3000	Nyakanga 2011-Kamena2012 (2011C, 2012A, na 2012B)		1,000,000	MINAGRI

SN	Intego (Objective)	Ikigamijwe (Out put)	Igipimo (Indicator)	Intangiriro (Base line)	Umuhigo (Target)	Ingengabihe (Time frame)	Uburyo bizasuzumwa (Means of verification)	Ingengo y'imali(Budget)	Aho izava (Source of funds)
15				umuceli uhinze kuri hegitari 1357.5	Umuceli uzahingwa kuri ha 1400 : 2012 A: ha 1225,2012B: ha 1400	Nyakanga 2011-Kamena2012 (2012A, na 2012B)		500,000	MINAGRI
16				Hari ibiti 2 524 718	hazaterwa ingemwe 960 000 za Kawa	Ugushyingo 2011-Mata 2012	Raporo y'ubuhinzi igaragaza ibiti bya kawa byatewe no gusura ibiti bya kawa byatewe		NAEB
17	Gufata neza umusaruro	Kongera ubwanikiro bw'ibigori	Umubare w'ubwanikiro bwubatswe	Hamaze kubakwa ubwanikiro 2 (Kinazi na Mwendo)	Kubaka ubwanikiro 2 ku gihingwa cy'ibigoli	Nzeri 2011-Mutarama 2012	Raporo igaragaza ubwanikiro bwubatswe,am asezerano no gusura ibikorwa	28,500,000	MINAGRI
I.3.3. Ubworozi									
18	Guteza imbere ubworozi bw'inka	Kuvugurura ubworozi bw'inka	Umubare w'inka zatewe intanga	Inka 2786 zatewe intanga	Inka 3555 zizaterwa intanga	Nyakanga 2011-Kamena 2012	Raporo y'ubworozi igaragaza umubare w'inka zatewe intanga	2,000,000	MINAGRI

SN	Intego (Objective)	Ikigamijwe (Out put)	Igipimo (Indicator)	Intangiriro (Base line)	Umuhigo (Target)	Ingengabihe (Time frame)	Uburyo bizasuzumwa (Means of verification)	Ingengo y'imali(Budget)	Aho izava (Source of funds)
19		Gukingira Inka indwara z'ibyorezo	Umubare w'inka zakingiwe igifuruto n'ubutaka	Inka 10,599 zarakingiwe indwara z'ibyorezo	Inka 21,188 zizakingirwa indwara z'ibyorezo(Ubutaka,Igifuruta)	Nyakanga 2011Kamena 2012	Raporo y'ubworozi igaragaza umubare w'inka zakingiwe kuri buri ndwara	4,239,600	MINAGRI
20		Kworoza imiryango ikennye muri gahunda ya girinka	Umubare w'imiryango ikennye yorojwe inka	Imiryango 1943 ikennye yorojwe inka	Imiryango 1002 ikennye izorozwa inka	Nyakanga 2011-Kamena2012	Raporo igaragaza imiryango yorojwe muri gahunda ya girinka	198,800,000	MINAGRI, AKARERE
I.3.4. Ibigo by'imari (SACCO)									
21	Kunoza imikorere y'ibigo by'imali	Kongera umubare w'abanyamuryango ba SACCO	Umubare w'abanyamuryango ba SACCO wiyongereye	Abanyamuryango ba SACCO: 29 504	Abanyamuryango ba SACCO baziyongeraho 12 000	Nyakanga 2011-Kamena 2012	Raporo ya SACCO		AKARERE
22		Kongera imari shingiro	Umubare w'imari shingiro wiyongereye	Imarishingiro iragera kuri 65.109.454	Imari shingiro izagera kuri 89.109.474	Mutarama 2011-Kamena 2012	Raporo ya SACCO	3,000,000	MINICOM
23		Gufasha SACCO kubona aho gukorera	Umubare wa SACCO zifite aho gukorera	SACCO 9 zirakodesha aho gukorera	Gufasha SACCO 5 kubona ibibanza byo kubakamo	Kanama 2011-Gicurasi 2011	Gusura ibibanza byatanzwe		Akarere

SN	Intego (Objective)	Ikigamijwe (Out put)	Igipimo (Indicator)	Intangiriro (Base line)	Umuhigo (Target)	Ingengabihe (Time frame)	Uburyo bizasuzumwa (Means of verification)	Ingengo y'imali(Budget)	Aho izava (Source of funds)
24		SACCO 9 zose zizatanga inguzanyo kandi imyishyurize yazo izagera kuri 95% ku zatanzwe muri uyu mwaka	Raporo y'imitangire y'inguzanyo n'imyishyurize yayo	SACCO zatangiye gutanga inguzanyo no kwishyura 85%	Gutanga inguzanyo no Kwishyuza inguzanyo zatanzwe ku kigero cya 95%	Mutarama 2011-Kamena 2012	Raporo y'imitangire n'imyishyurize y'inguzanyo zatanzwe muri uyu mwaka	3,000,000	Akarere
I.3.5. IMYINJIRIZE N'IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO W'AKARERE									
25	Kwongera imisoro n'amahoro	kuzamura imyinjirize y'imisoro n'amahoro by' Akarere	Umubare w'amafaranga yinjiye	Hinjiye amafaranga 251 104 133 mu isanduka y'Akarere	Hazinjira amafaranga 301 796 718 mu isanduka y'Akarere	Nyakanga 2011-Kamena 2012	Raporo z'imali	13,000,000	AKARERE
26	Kunoza imicungire y'umutungo	Gucunga neza Imari n'Umutungo by'Akarere	Umubare w'inama za PFM zakozwe	Inama za PFM zikorwa buri kwezi	Inama za PFM 12 zizaterana	Nyakanga 2011 - Kamena 2012	Raporo y'inama za PFM		Akarere
I.3.6.IMITURIRE									
27	Kunoza imiturire mu Karere	Gutuza abaturage mu midugudu	Ijanisha ry'abatuye mu midugudu	Ingo 42444/60891 (69.7%) zituye mu buryo bw'imidugudu	Gutura mu midugudu kugera kuri 74%	Nyakanga 2011-Kamena 2012	Raporo igaragaza ibikorwa no gusura ibikorwa	2,000,000	AKARERE

SN	Intego (Objective)	Ikigamijwe (Out put)	Igipimo (Indicator)	Intangiriro (Base line)	Umuhigo (Target)	Ingengabihe (Time frame)	Uburyo bizasuzumwa (Means of verification)	Ingengo y'imali(Budget)	Aho izava (Source of funds)
28		Kwandikisha ubutaka	Umubare w'amasambu yanditswe	Hamaze kwandikwa amasambu 213419/306800 (69,5%)	kwandikisha ubutaka kugera kuri 100%	Nyakanga 2011 Kamena 2012	Raporo y'iyandikwa ry'ubutaka	500,000	AKARERE ,NLC
I.3.7. IBIDUKIKIJE									
29	Kurengera ibidukikije	Gutera ibiti ku mihanda, ku misozi no mu mirima y'abaturage	Umubare w'ibiti byatewe	Ibiti 728.259	Hazaterwa ibiti 815,943	Kamena 2012	Raporo y'ushinzwe amashyamba no gusura ahatewe amashyamba	46,346,375	MINIRENA
30	Guteza imbere ingufu zidakoresha inkwi	Kubaka Biogaz mu bigo by'amashuri yisumbuye no mu ngo	Umubare w'ibigo by'amashuri yisumbuye yubatse biogaz	Ibigo bibiri bifite biogaz (GS Notre Dame de Lourde na Ecole des Sciences de Byimana) n'ingo 50 zifite biogaz	Kubaka biogaz mu bigo 5 by'amashuri yisumbuye no mu ngo 27	Nyakanga 2011- Kamena 2012	Raporo y'ibikorwa no gusura ibikorwa ibyakozwe	34,400,000	MININFRA, IBIGO BY'AMASHURI

SN	Intego (Objective)	Ikigamijwe (Out put)	Igipimo (Indicator)	Intangiriro (Base line)	Umuhigo (Target)	Ingengabihe (Time frame)	Uburyo bizasuzumwa (Means of verification)	Ingengo y'imali(Budget)	Aho izava (Source of funds)
II. IMIBEREHO MYIZA									
II.1. UBUREZI									
31	Guteza imbere uburezi	Kongera umubare w'ibyumba by'amashuri muri gahunda ya 12YBE	Umubare w'ibyumba by'amashuri byubatswe	ibyumba 318 n'ubwiherero 590 byarubatswe	Kubaka ibyumba 54 n'ubwiherero 108 muri gahunda ya 12 YBE	Kanama 2011-Mutarama 2012	Raporo y'ibyumba byubatswe no gusura ibyakozwe	111,510,000	MINEDUC
32		Kwigisha abaturage bakuze batazi gusoma, kwandika no kubara	Umubare w'abaturage bigishijwe gusoma, kwandika no kubara	Higishijwe abaturage 14837 kuri 17167 batazi gusoma, kwandika no kubara	Hazigishwa abaturage 1500 batazi gusoma, kwandika no kubara	Nyakanga 2011-Kamena 2012	Raporo y'uburezi		AKARERE
II.2.UBUZIMA									
33	Guteza imbere ubuzima bwiza	Kongera umubare w'abaturage bafite ubwisungane mu kwivuza	Umubare w'abaturage bafite ubwisungane mu kwivuza	Abaturage 200225/271809 (73.6%) bafite ubwisungane mu kwivuza	Abaturage bose bazagira ubwisungane mu kwivuza (100%)	Nyakanga 2011-Mutarama 2012	Raporo y'ubwisungane mu kwivuza	2000000	AKARERE

SN	Intego (Objective)	Ikigamijwe (Out put)	Igipimo (Indicator)	Intangiriro (Base line)	Umuhigo (Target)	Ingengabihe (Time frame)	Uburyo bizasuzumwa (Means of verification)	Ingengo y'imali(Budget)	Aho izava (Source of funds)
34		Kuboneza urubyaro	Ijanisha ry'abaturage bageze mu gihe cyo kubyara baboneje urubyaro	Abaturage bageze mu gihe cyo kubyara bari muri gahunda yo kuboneza urubyaro ni 38 020/52755 (72 %)	74% by'abaturage bageze mu gihe cyo kubyara bazaboneza urubyaro	Nyakanga 2011-Kamena 2012	Raporo z'ubuzima	1,000,000	MINISANTE
35		Kubyarira kwa muganga	Ijanisha ry'ababyeyi babyariye kwa muganga	97.5% by'abagore batwite babyariye kwa muganga	100% ry'abagore batwite bazabyarira kwa muganga	Nyakanga 2011-Kamena 2012	Raporo z'ubuzima	500,000	MINISANTE
II.3. GUFASHA ABATISHOBOYE									
36	Gufasha imiryango idafite aho iba kubona amacumbi	Kubakira amacumbi imiryango itishoboye	Umubare w'imiryango itishoboye yubakiwe amacumbi	Hubakiwe imiryango itishoboye y'abacitse ku icumu rya jenoside amazu 166	Hazubakirwa imiryango 68 y'abatishoboye barokotse Genocide hamwe n'abo amateka agaragaza ko basigaye inyuma 40	Nyakanga 2012-Kamena 2012	Raporo igaragaza ibimaze gukorwa mu kubakira abatishoboye no Gusura abubakiwe	177,000,000	FARG

SN	Intego (Objective)	Ikigamijwe (Out put)	Igipimo (Indicator)	Intangiriro (Base line)	Umuhigo (Target)	Ingengabihe (Time frame)	Uburyo bizasuzumwa (Means of verification)	Ingengo y'imali(Budget)	Aho izava (Source of funds)
II.4. GUTEZA IMBERE URUBYIRUKO									
37	Guteza imbere Urubyiruko	Gutera inkunga imishinga y'urubyiruko rwibumbiye mu makoperative	Umubare w'imishinga y'urubyiruko rwibumbiye mu makoperative yatewe inkunga	amakoperative 2 y'urubyiruko (DUSABANE - Mbuye,KOTUKI-Kinihira) yatewe inkunga	Gutera inkunga imishinga 3 y'urubyiruko rwibumbiye mu makoperative	Kanama 2011-Kamena 2012	Raporo igaragaza imishinga y'urubyiruko yatewe inkunga	6,000,000	MINIYOUTH
III.IMIYOBORERE MYIZA									
38	Kunoza imikorere y'Inzego z'ibanze	Kugeza umuriro w'amashanyarazi mu biro by'Imirenge idafite amashanyarazi	Umubare w'Ibiro by'Imirenge byagejejweho amashanyarazi	ibiro by'Imirenge 5 bifite umuriro w'amashanyarazi	Ibiro by'Imirenge ya Bweramana na Ntongwe bizacanirwa hakoreshejwe umuriro wa EWSA	Nyakanga 2011-kamena 2012	raporo igaragaza ibyakozwe no gusura ibikorwa	10,000,000	RDLSF,EWSA
39	Guteza imbere umuco w'ubutore	Kongera umubare w'Intore	umubare w'intore nshya zatojwe	Intore zose ni 6034	Hazatozwa intore nshya 675	Ugushyingo-Ukuboza 2011	Raporo y'Itorero	31,426,935	NURC
40		Gushyira Itorero mu bigo by'amashuri yisumbuye	Umubare w'Ibigo bifite itorero	Nta torero rihari mu bigo by'amashuri	Gushyiraho Itorero mu bigo 15 by'amashuri yisumbuye	Ugushingo 2011 - Kamena 2012	Raporo yo gushyiraho Itorero mu bigo by'amashuri		Akarere, Ibigo by'amashuri

SN	Intego (Objective)	Ikigamijwe (Out put)	Igipimo (Indicator)	Intangiriro (Base line)	Umuhigo (Target)	Ingengabihe (Time frame)	Uburyo bizasuzumwa (Means of verification)	Ingengo y'imali(Budget)	Aho izava (Source of funds)
41		Kubaka itorero ku rwego rw'Umudugudu	Umubare w'Imidugudu ifite itorero rikora	Imidugudu 40 ifite itorero rikora	Hazatangizwa itorero mu midugudu 493	Nyakanga 2011-Kamena 2012	Raporo igaragaza imikorere y'itorero ku rwego rw'Imidugudu	5,000,000	AKARERE
42	Gushimangira Imiyoborere myiza	Kumenyekanisha ibikorwa by'Akarere	Ibiganiro byatanzwe kuri Radiyo	Nta kiganiro gihari	Gutanga ibiganiro 20 kuri Radiyo	Nzeri 2011-Kamena 2012	Amasezerano yakozwe hagati y'Akarere na Radiyo na Raporo y'ibiganiro	5,000,000	AKARERE
43	Kubungabunga umutekano	Gufasha Inkeragutabara mu bikorwa byo gucunga umutekano	Umubare w'Ibigo n'Udusanteri bizacungirwa umutekano	Umushinga wa koperative y'inkeragutabara "IMBEREHEZA"	Ibigo 6 n'udusanteri 3 Bizacungirwa umutekano n'Inkeragutabara	Nzeri 2011-Kamena 2012	Raporo y'ibyakozwe n'Inkeragutabara mu gucunga umutekano	500,000	AKARERE
44	Kongerera ubumenyi mu rurimi rw'Icyongereza	Abakozi bazahugurwa mu rurimi rw'Icyongereza	Umubare w'abakozi bahuguwe	Abakozi bazi neza icyongereza ni 5	Guhugura abakozi 30 mu rurimi rw'Icyongereza	Nzeri 2011 - Werurwe 2012	Raporo y'amahugurwa	3,600,000	Akarere n'abakozi

SN	Intego (Objective)	Ikigamijwe (Out put)	Igipimo (Indicator)	Intangiriro (Base line)	Umuhigo (Target)	Ingengabihe (Time frame)	Uburyo bizasuzumwa (Means of verification)	Ingengo y'imali(Budget)	Aho izava (Source of funds)
IV. UBUTABERA									
45	Kurangiza imanza	Kurangiza imanza zaciwe n'inkiko zagejejwe ku buyobozi	Umubare w'imanza zarangijwe	Imanza 5,442 zakiriwe zararangijwe kuri 95 %	Kurangiza imanza zose zizagezwa ku buyobozi ku kigero cya 97%	Nyakanga 2011-Kamena 2012	Raporo y'imanza zarangijwe	1,252,000	AKARERE